MAKURU KI MU IHURIRO RY'IGIHUGU RY'IMITWE YA POLITIKI MU RWANDA

No104— Werurwe 2015



## HATOWE UBUYOBOZI BUSHYA BW'IHURIRO

*Iyobowe n'Umuvugizi w'Ihuriro Hon. BYABARUMWANZI François; kuri uyu wa kane, tariki ya 12 Werurwe 2015, inama isanzwe y'Inama Rusange y'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki yateranye,ishyiraho Abagize Inzego z'Ubuyobozi bw'Ihuriro*




*Abayobozi bashya b'Ihuriro*

Inama Rusange yatangiye yemeza inyandikomvugo y'inama y'Inama Rusange yo kuwa 16/12/2014, imaze kuyikorera ubugororangingo.

Nyuma yo kungurana ibitekerezo ku bugororangingo bwasabwe, Inama Rusange yemeje Igitabo cy'Uburyo bw'Imiyoborere n'Icungamutungo by'Ihuriro (Financial and Administrative Procedural Manual); Inama Rusange yacyemeje isaba ko gihita gitangira no gushyirwa mu bikorwa.

Ku byerekeye gushyiraho abayobozi bashya b'Inzego z'Ihuriro, Inama Rusange yatoye Bwana MUKAMA KAYIRANGA Alphonse, uturuka mu ishyaka PSR, ku mwanya w'Umuvugizi na Madamu UWIMANA Thacienne, uturuka mu Ishyaka PSP, ku mwanya w'Umuvugizi Wungirije




Ku mwanya w'Umunyamabanga Nshingwabikorwa, Inama Rusange yatoye Bwana BURASANZWE Oswald



*Abagize Inama Rusange y'Ihuriro*

Inama Rusange yongereye kandi manda y'imyaka itatu Abagize Komisiyo Zihoraho z'Ihuriro zikurikira: Komisiyo Mbonezabupfura no gukemura amakimbirane; Komisiyo ishinzwe gahunda, ibikorwa by'Ihuriro n'ubufatanye n'izindi nzego; na Komisiyo ishinzwe itumanaho no Kungurana Ibitekerezo

Ikindi Inama Rusange yagarutseho ni gahunda n'imyiteguro y'Icyumweru cy'Icyunamo cyo kwibuka ku ncuro ya 21 Jenocide yakorewe Abatutsi mu w'1994, isaba Imitwe ya politiki yose kwitegura kuzitabira gahunda n'ibikorwa bizemezwa n'Inzego zibisinzwe.



*Umuvugizi w'Ihuriro Bwana KAYIRANGA MUKAMA Alphonse*

Umuvugizi w'Ihuriro yashimye Inama Rusange yamugiriye icyizere cyo kuyobora Ihuriro mu gihe cya manda y'amezi atandatu abizeza kuzakorana umurava kugirango Ihuriro rikomeze kugera ku ntego ryiyemeje

## ITANGAZO RIGENEWE IBITANGAZAMAKURU

## TANGAZO RY'INAMA Y'INAMA RUSANGE Y'IHURIRO RY'IGIHUGU NYUNGURANABITEKEREZO RY'IMITWE YA POLITIKI

None kuwa kane, tariki ya 12 Werurwe 2015, inama isanzwe y'Inama Rusange y'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki yateranye, iyobowe n'Umuvugizi w'Ihuriro Hon. BYABARUMWANZI François.

Ku murongo w'ibyizwe hari :

- Kwemeza inyandikomvugo y'inama y'Inama Rusange yo kuwa 16/12/2014,
- Kwemeza Igitabo cy'Uburyo bw'Imiyoborere n'Icungamutungo by'Ihuriro (*Financial and Administrative Procedural Manual*);
- Gushyiraho Abagize Inzego z'Ubuyobozi bw'Ihuriro: Abagize za Komisiyo zihoraho, Umunyamabanga Nshingwabikorwa n'Umuvugizi n'Umuvugizi Wungirije.

Inama Rusange yatangiye yemeza inyandikomvugo y'inama y'Inama Rusange yo kuwa 16/12/2014, imaze kuyikorera ubugororangingo.

Nyuma yo kungurana ibitekerezo ku bugororangingo bwasabwe, Inama Rusange yemeje Igitabo cy'Uburyo bw'Imiyoborere n'Icungamutungo by'Ihuriro (*Financial and Administrative Procedural Manual*); Inama Rusange yacyemeje isaba ko gihita gitangira no gushyirwa mu bikorwa.

Ku byerekeye gushyiraho abayobozi bashya b'Inzego z'Ihuriro, Inama Rusange yatoye **Bwana MUKAMA KAYIRANGA Alphonse**, uturuka mu ishyaka PSR, ku mwanya w'Umuvugizi na **Madamu UWIMANA Thacienne**, uturuka mu Ishyaka PSP, ku mwanya w'Umuvugizi Wungirije.

Ku mwanya w'Umunyamabanga Nshingwabikorwa, Inama Rusange yatoye **Bwana BURASANZWE Oswald.**

Inama Rusange yongereye kandi manda y'imyaka itatu Abagize Komisiyo Zihoraho z'Ihuriro zikurikira: *Komisiyo Mbonezabupfura no gukemura amakimbirane; Komisiyo ishinzwe gahunda, ibikorwa by'Ihuriro n'ubufatanye n'izindi nzego; na Komisiyo ishinzwe itumanaho no kungurana ibitekerezo.*

Ikindi Inama Rusange yagarutseho ni gahunda n'imyiteguro y'*Icyumweru cy'Icyunamo cyo kwibuka ku ncuro ya 21 Jenocide yakorewe Abatutsi mu w'1994*, isaba Imitwe ya politiki yose kwitegura kuzitabira gahunda n'ibikorwa bizemezwa n'Inzego zibisinzwe.

Inama yatangiye saa tatu (9h00') irangira saa sita (12h00).

Bikorewe i Kigali, kuwa 12 Werurwe 2015.

**KAYIGEMA Anicet**

**Umunyamabanga Nshingwabikorwa**

## Mr Oswald BURASANZWE assumes office as the NFPO Executive Secretary

*The NFPO Executive Secretary Mr Oswald BURASANZWE assumed office after a handover ceremony that took place in Kacyiru this 18th March 2015*



*Taking Handover*

"I would like to thank the General Assembly of the National Consultative Forum of Political Organizations for entrusting me with this important position. It's an opportunity for me to serve all political parties with commitment and diligence," Burasanzwe said".

He also thanked Mr. Anicet KAYIGEMA, the outgoing Executive Secretary for the good job he did during his office term. On his side, Mr. Kayigema thanked all political parties for giving him the opportunity to serve as the Forum's Executive Secretary saying that he learnt a lot during his tenure of 12 years. Kayigema congratulated his successor reminding him that the NFPO has already registered so many achievements related to its mission and responsibilities. He also commended the staff at Executive Secretariat for their dedication and support during his tenure and asked them to show the same spirit to his successor.

The handover also done between the upcoming Spokesperson Mr. MUKAMA KAYIRANGA Alphonse from PSR and deputy Madam UWIMANA Thacienne from PSP and the outgoing Hon. BYABARUMWANZI Francois and Madam MUKOBWAJANA Florence

